<p>kugenzura imikorere y’amasosiyete».</p> <p><u>Ingingo ya 2: Gusaba gushinga isosiyete</u></p> <p>Ingingo ya 19 y’Itegeko n° 007/2021 ryo ku wa 05/02/2021 rigenga amasosiyete y’ubucuruzi ihinduwe ku buryo bukurikira:</p> <p>«Usaba gushinga isosiyete, ashikiranira Umwanditsi Mukuru ibi bukurikira:</p> <p>1° inyandiko z’ishingwa ryayo zitangwa ku buryo bw’inyandiko yabugenewe, iriho umukono wa buri munyamigabane cyangwa uw’umunyamuryango cyangwa uw’undi wese usaba ishingwa ry’isosiyete;</p> <p>2° inyandiko yabugenewe iriho umukono wa buri wese mu bantu bashyizwe mu nyandiko shingiro nk’abagize Inama y’Ubutegetsi n’umwanditsi w’isosiyete igaragaza ko babyemeye;</p> <p>3° inyandiko yo kubiyemerera yashyizweho umukono na buri munyamuryango cyangwa umunyamigabane w’isosiyete cyangwa umuhagarariye wabihereye ububasha mu buryo bwanditse;</p> <p>4° inyandiko y’ubwumvikane y’isosiyete;</p>	<p>of companies”.</p> <p><u>Article 2: Application for incorporation of a company</u></p> <p>Article 19 of Law n° 007/2021 of 05/02/2021 governing companies is amended as follows:</p> <p>“The applicant for incorporation of a company submits the following to the Registrar General:</p> <p>1° incorporation documents presented in an appropriate format, signed by every shareholder or member or by each applicant;</p> <p>2° consent in the prescribed form signed by each of the persons named as the company’s directors and secretary in the incorporation documents;</p> <p>3° consent in the prescribed form signed by each member or shareholder of the company or by his or her agent who has been authorised thereto in writing;</p> <p>4° the memorandum of association of the</p>	<p>règlementer l’activité des sociétés».</p> <p><u>Article 2: Demande de constitution d’une société</u></p> <p>L’article 19 de la Loi n° 007/2021 du 05/02/2021 régissant les sociétés commerciales est modifié comme suit:</p> <p>«Le demandeur de constitution d’une société remet ce qui suit au Registraire général:</p> <p>1° les documents constitutifs présentés dans un format approprié, signés par chaque actionnaire ou chaque membre ou demandeur;</p> <p>2° le consentement en la forme prescrite signé par chacune des personnes nommées comme administrateurs et secrétaire dans les documents constitutifs;</p> <p>3° le consentement en la forme prescrite signé par chaque membre ou actionnaire de la société ou par son mandataire nommé à cet effet par écrit;</p> <p>4° le mémorandum d’association de la</p>
---	--	--

Official Gazette n° Special Bis of 30/03/2023

<p>5° kopi y'amategeko shingiro iyo isosiyete ifite amategeko shingiro;</p> <p>6° amakuru yerekeranye n'ugenewe inyungu ku migabane.</p> <p>Iyo inyandiko yashyizweho umukono n'intumwa yahawe ububasha, iyo nyandiko iherekezwa n'inyandiko itanga ubwo bubasha».</p> <p><u>Ingingo ya 3: Igabanywa ry'uburenganzira mu itangwa ry'imigabane</u></p> <p>Ingingo ya 57 y'Itegeko n° 007/2021 ryo ku wa 05/02/2021 rigenga amasosiyete y'ubucuruzi ihinduwe ku buryo bukurikira:</p> <p>«Isosiyete ntiyemerewe gutanga:</p> <p>1° umugabane uha uburenganzira uwo ari we wese witwaje inyandiko iwuhagarariye;</p> <p>2° umugabane ufite agaciro gacishiriye cyangwa agaciro katari ko;</p> <p>3° umugabane ushobora guhamagarirwa kugurishwa;</p>	<p>company;</p> <p>5° where the company has articles of association, a copy of the articles of association;</p> <p>6° beneficial owner's information.</p> <p>If the instruments are signed by an authorised representative, they are accompanied by that representative's authority to sign".</p> <p><u>Article 3: Restrictions on allotment of shares</u></p> <p>Article 57 of Law n° 007/2021 of 05/02/2021 governing companies is amended as follows:</p> <p>“A company is not allowed to allot:</p> <p>1° bearer share;</p> <p>2° a nominal or par value share;</p> <p>3° a share which is subject to calls;</p>	<p>société;</p> <p>5° une copie des statuts de la société lorsque la société en dispose;</p> <p>6° des informations sur le bénéficiaire effectif.</p> <p>Si les instruments sont signés par un représentant autorisé, ils sont accompagnés par le pouvoir de signature dudit représentant».</p> <p><u>Article 3 : Restrictions sur l'attribution d'actions</u></p> <p>L'article 57 de la Loi n° 007/2021 du 05/02/2021 régissant les sociétés commerciales est modifié comme suit :</p> <p>«Il est interdit à une société d'attribuer :</p> <p>1° action au porteur ;</p> <p>2° une action à valeur nominale ou au pair;</p> <p>3° une action susceptible d'appels;</p>
--	---	--

Official Gazette n° Special Bis of 30/03/2023

<p>4° umugabane isosiyete ishobora kwisubiza iwuguze mu gihe hatabayeho itangwa ry'imigabane y'isosiyete idashobora kwisubizwa na sosiyete iyiguze.</p> <p>Iyo isosiyete itanga imigabane ifite agaciro gacishirije cyangwa agaciro katari ko:</p> <p>1° umugabane witiriwe ko utangiwe agaciro gacishirije cyangwa agaciro katari ko ufatwa nk'umugabane, utanzwe ku giciro nyacyo cy'umugabane kirimo n'agaciro kose kaba karahindutse;</p> <p>2° umugabane witiriwe kuba wahamagarirwa kugurwa ufatwa nk'aho wishyuwe byuzuye;</p> <p>3° umugabane witiriwe ko utanzwe nk'umugabane isosiyete ishobora kwisubiza iwuguze ufatwa nk'umugabane isosiyete idashobora kwisubiza».</p>	<p>4° a redeemable share at a time when there are no allotted shares of the company which are not redeemable.</p> <p>If a company allots nominal or par value shares:</p> <p>1° a share purportedly allotted with a nominal or par value is deemed to be a share of no nominal or par value, allotted at its actual allotment price, including any purported premium;</p> <p>2° a share purportedly allotted subject to calls is deemed to be fully paid;</p> <p>3° a share purportedly allotted as redeemable, is deemed to be not redeemable”.</p>	<p>4° une action rachetable du moment qu'il n'y a pas d'actions attribuées d'une société qui ne sont pas rachetables.</p> <p>Si une société attribue des actions à valeur nominale ou au pair :</p> <p>1° une action prétendument attribuée avec une valeur nominale ou au pair est réputée être une action sans valeur nominale ou au pair attribuée à son prix réel, y compris toute prétendue prime;</p> <p>2° une action prétendument attribuée en tant que susceptible d'appels est réputée être entièrement libérée;</p> <p>3° une action prétendument attribuée comme rachetable est réputée être non rachetable ».</p>
<p><u>Ingingo ya 4: Inyandiko z'isosiyete zigomba kubikwa</u></p> <p>Ingingo ya 111 y'Itegeko n° 007/2021 ryo ku wa 05/02/2021 rigenga amasosiyete y'ubucuruzi ihinduwe ku buryo bukurikira:</p>	<p><u>Article 4: Company records to be kept</u></p> <p>Article 111 of Law n° 007/2021 of 05/02/2021 governing companies is amended as follows:</p>	<p><u>Article 4: Documents de la société à tenir</u></p> <p>L'article 111 de la Loi n° 007/2021 du 05/02/2021 régissant les sociétés commerciales est modifié comme suit:</p>

Official Gazette n° Special Bis of 30/03/2023

« Ingingo ya 111: Inyandiko z'isosiye zigomba kubikwa »	« Article 111: Company records to be kept »	« Article 111: Documents de la société à tenir »
<p>Isosiye igomba kubika ku cyicaro cyayo cyangwa ahandi hose mu Rwanda, buri nyandiko muri izi zikurikira nibura mu gihe cy'imyaka icumi (10) uherye igihe umwaka urebwa n'izo nyandiko warangiriye:</p>	<p>The company must keep at its registered office, or at any other place in Rwanda, each of the following records for at least ten (10) years from the end of the year to which they relate:</p>	<p>La société doit conserver, à son siège social ou à tout autre lieu au Rwanda, chacun des documents suivants pendant au moins dix (10) ans à compter de la fin de l'année à laquelle ils se rapportent:</p>
1° inyandiko z'ishingwa ry'isosiye;	1° its incorporation documents;	1° ses documents constitutifs;
2° igitabo cy'imigabane n'imigabane nguzanyo;	2° the register of shares and debentures;	2° le registre des actions et des obligations;
3° urutonde rw'abanyamigabane;	3° the index of shareholders;	3° l'index des actionnaires;
4° ibitabo by'ibaruramari n'inyandiko zishyigikira ibibikubiyemo;	4° the accounting records and their supporting documents;	4° les registres comptables et leurs pièces justificatives;
5° ibitabo by'inyungu z'abagize inama y'ubutegetsi;	5° a register of interests of directors;	5° le registre des intérêts des administrateurs;
6° inyandiko mvugo z'inteko rusange zose n'imyanzuro y'abanyamigabane;	6° minutes of all general meetings and resolutions of shareholders;	6° les procès-verbaux de toutes les assemblées générales et résolutions des actionnaires;
7° inyandiko mvugo z'inama zose n'imyanzuro by'abagize Inama y'Ubutegetsi n'iz'abagize komite z'inama y'ubutegetsi;	7° minutes of all meetings and resolutions of directors and board committees;	7° les procès-verbaux de toutes les réunions et résolutions des administrateurs et des comités du Conseil d'administration;
8° ibyemezo bitangwa n'abagize inama	8° certificates given by directors under	8° les certificats délivrés par les

Official Gazette n° Special Bis of 30/03/2023

<p>y'ubutegetsi hakurikijwe iri tegeko;</p> <p>9° kopi z'amabaruramari y'imyaka yose, raporo z'umugenzuzi w'imari n'iz'abagize inama y'ubutegetsi;</p> <p>10° igitabo cy'isosiyete cy'amakuru y'abagenewe inyungu ku migabane;</p> <p>11° kopi zose zanditse z'itumanaho ku banyamigabane bose cyangwa abafite imigabane bo mu cyiciro kimwe.</p> <p>Iyo isosiyete ihinduye aho ibika inyandiko zayo, igomba kubimenyesha Umwanditsi Mukuru mu nyandiko mu gihe cy'iminsi cumi n'itanu (15) ibarwa uherye ku munsu impinduka zabereyeho.</p> <p>Iyo isosiyete isheshwe, umunyamabanga w'isosiyete, abagize inama y'ubutegetsi yayo cyangwa uwashinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo wayo ashyikiriza Umwanditsi Mukuru kopi z'inyandiko zivugwa muri iyi ngingo mu gihe cy'iminsi mirongo itatu (30) uherereye ku munsu isosiyete yarekeye kubaho. Umwanditsi Mukuru azibika mu gihe cy'imyaka icumi (10) uherereye ku munsu yazishyikirijweho».</p>	<p>this Law;</p> <p>9° copies of all annual accounts, auditors and directors 'reports;</p> <p>10° the internal register of beneficial owners;</p> <p>11° copies of all written communications to all shareholders or all holders of the same class of shares, including annual reports.</p> <p>Where the company changes the place at which its records are kept, it must, within fifteen (15) days counted from that date of the change, notify the Registrar General.</p> <p>Where the company ceases to exist, the company secretary, directors or liquidator must within thirty (30) days of the company ceasing to exist, file copies of records mentioned in this Article with the Registrar General. The Registrar General must keep them for a period of ten (10) years from the date of their receipt”.</p>	<p>administrateurs en vertu de la présente loi;</p> <p>9° les copies de tous les comptes annuels, des rapports des auditeurs et des administrateurs;</p> <p>10° le registre interne des bénéficiaires effectifs;</p> <p>11° les copies de toutes les communications écrites à tous les actionnaires ou aux détenteurs de la même catégorie.</p> <p>Lorsque la société change d'endroit où ses actes sont conservés, elle doit en aviser le Registraire Général endéans quinze (15) jours à compter de la date du changement.</p> <p>Lorsque la société cesse d'exister, le secrétaire de la société, les administrateurs ou le liquidateur doivent, dans les trente (30) jours de la cessation d'existence de la société, déposer des copies des documents mentionnés dans le présent article auprès du Registraire Général. Le Registraire Général les conserve pendant une période de dix (10) ans à compter de la date de leur réception».</p>
--	--	---

Official Gazette n° Special Bis of 30/03/2023

Ingingo ya 5: Igitabo cy'imigabane n'imigabane nguzanyo	Article 5: Register of shares and debentures	Article 5: Registre des actions et des obligations
<p>Ingingo ya 114 y'Itegeko n° 007/2021 ryo ku wa 05/02/2021 rigenga amasosiyete y'ubucuruzi ihinduwe ku buryo bukurikira:</p>	<p>Article 114 of Law n° 007/2021 of 05/02/2021 governing companies is amended as follows:</p>	<p>L'article 114 de la Loi n° 007/2021 du 05/02/2021 régissant les sociétés commerciales est modifié comme suit:</p>
<p>«Isosiyete ibika igitabo cy'imigabane n'imigabane nguzanyo byayo, cyandikwamo imigabane n'imigabane nguzanyo yatanzwe n'yo sosiyete.</p>	<p>“A company keeps a register of its shares and debentures that records the shares and debentures issued by the company.</p>	<p>«Une société tient un registre de ses actions et des obligations qui contient les actions et les obligations émises par la société.</p>
<p>Ugize Inama y'Ubutegetsu n'umwanditsi w'isosiyete bagomba kugenzura ko icyo gitabo kibitswe neza kandi ko cyandikwamo ibi bukurikira:</p>	<p>A director and a company secretary must ensure that the register is properly kept and the following particulars are entered in it:</p>	<p>L'administrateur et le secrétaire d'une société doivent veiller à ce que le registre soit dûment tenu et que les indications suivantes y soient inscrites:</p>
<p>1° imigabane n'imigabane nguzanyo yatanzwe;</p>	<p>1° issued shares and debentures;</p>	<p>1° les actions et les obligations émises;</p>
<p>2° amazina na aderesi ya nyuma bizwi by'umunyamigabane cyangwa iby'ufite umugabane nguzanyo;</p>	<p>2° names and latest known addresses of a shareholder or a debenture holder;</p>	<p>2° les noms et les dernières adresses connues d'un actionnaire ou d'un détenteur d'obligation;</p>
<p>3° amazina na aderesi ya nyuma bizwi by'umuntu wabaye umunyamigabane cyangwa wari ufite umugabane nguzanyo mu myaka icumi (10) iheruka;</p>	<p>3° names and latest known addresses of a person who has been a shareholder or debenture holder within the last ten (10) years;</p>	<p>3° les noms et les dernières adresses connues d'une personne qui a été un actionnaire ou un détenteur d'obligation au cours des dix (10) dernières années;</p>
<p>4° umubare w'imigabane ifitwe na buri munyamigabane, buri mugabane</p>	<p>4° the number of shares held by each shareholder, a share segregated</p>	<p>4° l'index d'actions détenues par chaque actionnaire, en distinguant</p>

Official Gazette n° Special Bis of 30/03/2023

<p>ugatandukanywa n’undi hakoreshejwe inomero yawo, iyo uwo mugabane ufite nomero, kandi mu gihe isosiyete ifite ibyiciro birenze kimwe by’imigabane yatanzwe, hakagaragazwa icyiciro umugabane urimo;</p> <p>5° itariki y’itangwa ry’imigabane n’iy’impinduka kuri ba nyir’imigabane cyangwa ba nyir’imigabane nguzanyo mu gihe cy’imyaka icumi (10) iheruka;</p> <p>6° ibibujijwe cyangwa aho ihererekanya ry’imigabane cyangwa imigabane nguzanyo bigomba kugarukira, iyo inyandiko z’ishingwa ry’isosiyete cyangwa amabwiriza agenga itangwa ry’imigabane cyangwa imigabane nguzanyo bibiteganya.</p> <p>Isosiyete ishobora gushyiraho umuntu ubika igitabo cyayo cy’imigabane n’imigabane nguzanyo.</p> <p>Iyo habaye impinduka ku migabane cyangwa ku migabane nguzanyo, isosiyete ivugurura igitabo cyayo cy’imigabane n’imigabane nguzanyo mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7) uherye ku munsu impinduka zabereyeho».</p>	<p>from another by its index, so as long as the share has an index and, where the company has more than one class of issued shares, by its class;</p> <p>5° the date of any allotment of shares and change in the ownership of shares or debentures within the last ten (10) years;</p> <p>6° any restrictions or limitations on the transfer of shares or debentures, where the incorporation documents or the terms of issue of the shares or debentures provide so.</p> <p>A company may appoint an agent to maintain its register of shares and debentures.</p> <p>When there is a change in shares or debentures, a company updates its register of shares and debentures within a period not exceeding (7) days from the date of such change”.</p>	<p>chaque action par son numéro, tant que l’action a un numéro et, lorsque la société a plus d’une catégorie d’actions émises, par sa classe;</p> <p>5° la date de toute attribution d’actions et de tout changement des actionnaires et des détenteurs d’obligations dans les dix (10) dernières années;</p> <p>6° les restrictions ou les limitations sur la cession d’actions ou d’obligations, lorsque les documents constitutifs de la société ou les conditions d’émission des actions ou des obligations le prévoient.</p> <p>Une société peut nommer un mandataire pour maintenir son registre des actions et des obligations.</p> <p>Lorsqu’il y a un changement dans les actions ou dans les obligations d’une société, cette dernière met à jour son registre des actions et des obligations dans un délai ne dépassant pas sept (7) jours à compter de la date de ce changement».</p>
--	--	---

Official Gazette n° Special Bis of 30/03/2023

<p>Ingingo ya 6: Urutonde rw’abanyamigabane n’abafite imigabane nguzanyo</p> <p>Ingingo ya 115 y’Itegeko n° 007/2021 ryo ku wa 05/02/2021 rigenga amasosiyete y’ubucuruzi ihinduwe ku buryo bukurikira:</p> <p>«Ingingo ya 115: Urutonde rw’abanyamigabane n’abafite imigabane nguzanyo</p> <p>Uretse igihe igitabo cy’imigabane n’imigabane nguzanyo giteye ku buryo cyo ubwacyo kigaragaza urutonde rw’amazina y’abanyamigabane n’abafite imigabane nguzanyo, isosiyete ibika urwo rutonde rw’amazina rugendeye ku rutonde rw’inyuguti.</p> <p>Urutonde ruvugwa mu gika cya mbere cy’iyi ngingo rubikwa aho igitabo cy’imigabane n’imigabane nguzanyo kibikwa.</p> <p>Urutonde ruvugwa muri iyi ngingo rubikwa mu buryo bworoshye kubona amakuru kuri buri munyamigabane cyangwa ufite imigabane nguzanyo mu gitabo cy’imigabane n’imigabane nguzanyo.</p> <p>Iyo habaye impinduka mu gitabo cy’imigabane n’imigabane nguzanyo, isosiyete ivugurura</p>	<p>Article 6: Index of shareholders and debenture holders</p> <p>Article 115 of Law n° 007/2021 of 05/02/2021 governing companies is amended as follows:</p> <p>“Article 115: Index of shareholders and debenture holders</p> <p>Unless the register of shares and debentures is in such a form as itself to constitute an index of shareholders and debenture holders, a company keeps an index of the names of its shareholders and debenture holders alphabetically arranged.</p> <p>The index referred to in Paragraph One of this Article is kept at the same place as the register of shares and debentures.</p> <p>The index provided for by this Article is kept in such manner that information in respect of each shareholder and debenture holders is readily found in the register of shares and debentures.</p> <p>If an alteration is made in the register of shares and debentures, the company also</p>	<p>Article 6: Index des actionnaires et des détenteurs d’obligations</p> <p>L’article 115 de la Loi n° 007/2021 du 05/02/2021 régissant les sociétés commerciales est modifié comme suit:</p> <p>« Article 115: Index des actionnaires et des détenteurs d’obligations</p> <p>Sauf lorsque le registre des actions et des obligations est sous une forme telle qu’il constitue en soi un index des actionnaires et des détenteurs d’obligations, la société tient un index des noms de ses actionnaires et de ses détenteurs d’obligations, classés par ordre alphabétique.</p> <p>L’index visé à l’alinéa premier du présent article est conservé au même endroit que le registre des actions et des obligations.</p> <p>L’index prévu par le présent article est conservé de façon que les informations sur chaque actionnaire et sur chaque détenteur d’obligation sont facilement trouvées dans le registre des actions et des obligations.</p> <p>Lorsqu’une modification est faite dans le registre des actions et des obligations, la</p>
---	---	--

Official Gazette n° Special Bis of 30/03/2023

<p>urutonde rw'abanyamigabane n'abafite imigabane nguzanyo mu gihe kitarenze iminsi cumi n'ine (14) impinduka zikozwe mu gitabo cy'imigabane n'imigabane nguzanyo».</p> <p><u>Ingingo ya 7: Amakuru y'abagenewe inyungu ku migabane</u></p> <p>Ingingo ya 116 y'Itegeko n° 007/2021 ryo ku wa 05/02/2021 rigenga amasosiyete y'ubucuruzi ihinduwe ku buryo bukurikira:</p> <p>«<u>Ingingo ya 116: Amakuru y'abagenewe inyungu ku migabane</u></p> <p>Umwanditsi w'isosiyete abika igitabo cy'isosiyete cy'amakuru y'abagenewe inyungu ku migabane ku cyicaro cy'isosiyete.</p> <p>Igitabo cy'isosiyete cy'amakuru y'abagenewe inyungu ku migabane kiba gikubiyemo amakuru y'abagenewe inyungu ku migabane no ku bundi burenganzira mu isosiyete.</p> <p>Amakuru yerekeranye n'ufite inyungu ku migabane y'isosiyete idakora na yo akomeza kubikwa akanamenyeshwa Umwanditsi Mukuru buri mwaka.</p>	<p>makes necessary alteration in the index of shareholders and debenture holders within a period not exceeding fourteen (14) days from the date on which such alteration is made in the register of shares and debentures”.</p> <p><u>Article 7: Record of beneficial owners</u></p> <p>Article 116 of Law n° 007/2021 of 05/02/2021 governing companies is amended as follows:</p> <p>“<u>Article 116: Record of beneficial owners</u></p> <p>The company secretary maintains an internal register of beneficial owners at the registered office of the company.</p> <p>The internal register of beneficial owners contains the beneficial ownership information as to the shares and other rights in the company.</p> <p>Beneficial owner's information for a dormant company is also maintained and disclosed to the Registrar General every year.</p>	<p>société effectue également les modifications nécessaires dans l'index des actionnaires et des détenteurs d'obligations dans un délai ne dépassant pas quatorze (14) jours suivant la date à laquelle cette modification est effectuée dans le registre des actions et des obligations».</p> <p><u>Article 7: Dossier des bénéficiaires effectifs</u></p> <p>L'article 116 de la Loi n° 007/2021 du 05/02/2021 régissant les sociétés commerciales est modifié comme suit:</p> <p>«<u>Article 116: Dossier des bénéficiaires effectifs</u></p> <p>Le secrétaire de la société maintient un registre interne des bénéficiaires effectifs au siège social de la société.</p> <p>Le registre interne des bénéficiaires effectifs contient les informations sur les bénéficiaires effectifs en rapport avec les actions et d'autres droits de la société.</p> <p>Les informations sur le bénéficiaire effectif pour une société en veilleuse sont aussi conservées et communiquées au Registraire général chaque année.</p>
--	---	---

Official Gazette n° Special Bis of 30/03/2023

<p>Buri munyamuryango cyangwa umunyamigabane w'isosiyete agomba gukora ku buryo amakuru agaragaza imigabane ye ashwirwa mu gitabo cya sosiyete y'ubucuruzi cy'amakuru y'abagenewe inyungu ku migabane ku birebana n'ubunyamuryango bwe cyangwa umutungo we w'imigabane.</p>	<p>Every member or shareholder of the company must make or cause to be made an entry in the internal register of beneficial owners of the beneficial ownership information in relation to his or her membership or shares.</p>	<p>Chaque membre ou actionnaire d'une société effectue ou assure l'inscription au registre interne des bénéficiaires effectifs des informations sur les bénéficiaires effectifs en lien soit avec sa qualité de membre ou avec ses actions.</p>
<p>Umunyamigabane cyangwa ugize inama y'ubutegetsi uhagarariye undi muntu agomba kuba afite amakuru agaragaza uwo ahagarariye ndetse n'umuntu ku giti cye akora mu nyungu ze ndetse agashyikiriza ayo makuru isosiyete kugira ngo yandikwe mu gitabo cyandikwamo abagenewe inyungu ku migabane.</p>	<p>A nominee shareholder or nominee director must have information identifying his or her nominator and the natural person on whose behalf the nominee is ultimately acting, and to disclose this information to the company to be recorded in the register of beneficial owners.</p>	<p>Un actionnaire désigné ou un administrateur désigné doit avoir les informations identifiant le nominateur et la personne physique pour le compte de laquelle il agit en dernier lieu, et communiquer ces informations à la société afin qu'elles soient enregistrées dans le registre des bénéficiaires effectifs.</p>
<p>Amakuru yerekeye ugenewe inyungu ku migabane akubiyemo:</p>	<p>A beneficial owner's information includes:</p>	<p>Les informations sur le bénéficiaire effectif comprennent:</p>
<p>1° amazina ye;</p> <p>2° aderesi y'aho abarizwa, iy'aho akorera, aderesi y'iposita na imeyili bye;</p> <p>3° inomero ye ya telefoni;</p> <p>4° ubwenegihugu bwe;</p> <p>5° itariki ye y'amavuko;</p> <p>6° inomero y'usora imuranga;</p>	<p>1° his or her names;</p> <p>2° his or her residential, business, postal and email address;</p> <p>3° his or her telephone number;</p> <p>4° his or her nationality;</p> <p>5° his or her date of birth;</p> <p>6° his or her taxpayer identification</p>	<p>1° son nom;</p> <p>2° son adresse résidentielle, postale, professionnelle et électronique;</p> <p>3° son numéro de téléphone;</p> <p>4° sa nationalité;</p> <p>5° sa date de naissance;</p> <p>6° son numéro d'identification fiscale;</p>

Official Gazette n° Special Bis of 30/03/2023

<p>7° itariki yabereyeho ugenewe inyungu ku migabane;</p> <p>8° imiterere n’ingano by’inyungu afite mu isosiyete;</p> <p>9° imiterere n’ingano by’ububasha afite muri sosiyete y’ubucuruzi;</p> <p>10° itariki yahagarikiyeho kuba ugenewe inyungu ku migabane;</p> <p>11° amakuru yuzuye agaragaza kandi agasobanura icyiciro cy’abantu bagenewe imigabane ku byerekeye icyiciro cy’abagenewe inyungu ku migabane nk’iyo ingano idashobora kugaragazwa kuri buri munyamigabane wa buri cyiciro.</p> <p>Ahavugwa umwanditsi w’isosiyete mu gika cya mbere cy’iyi ngingo ku byerekeye igitabo cy’isosiyete cy’amakuru y’abagenewe inyungu ku migabane, hafatwa nk’ahavugwa Inama y’Ubutegetsi y’isosiyete mu gihe isosiyete idafite umwanditsi w’isosiyete.</p>	<p>number;</p> <p>7° date on which he or she became a beneficial owner;</p> <p>8° nature and extent of ownership interest held in the company;</p> <p>9° nature and extent of control exercised over the company;</p> <p>10° date of cessation to be a beneficial owner;</p> <p>11° information sufficient to identify and describe the class of individuals who are beneficial owners in respect of a class of beneficial owners of such a size that it is not reasonably practicable to identify each member of the class.</p> <p>A reference to the company secretary under Paragraph One of this Article relating to the internal register of beneficial owners is construed as a reference to the Board of Directors of the company where the company does not have a company secretary.</p>	<p>7° la date à laquelle il est devenu un bénéficiaire effectif;</p> <p>8° la nature et l’étendue de l’intérêt détenu dans la société;</p> <p>9° la nature et l’étendue du contrôle exercé sur la société;</p> <p>10° la date à laquelle il a cessé d’être un bénéficiaire effectif;</p> <p>11° des informations suffisantes permettant l’identification et la description des bénéficiaires effectifs en ce qui concerne une catégorie de bénéficiaires effectifs d’une taille telle qu’il n’est pas raisonnablement possible d’identifier chaque membre de la catégorie.</p> <p>La référence au secrétaire de la société à l’alinéa premier du présent article en rapport avec le registre interne des bénéficiaires effectifs est interprétée comme une référence au Conseil d’administration de la société lorsque la société n’a pas de secrétaire de la société.</p>
--	---	--

Official Gazette n° Special Bis of 30/03/2023

<p>Umwanditsi w'isosiyete agenera kopi y'igitabo cy'isosiyete cy'amakuru y'abagenewe inyungu ku migabane Umwanditsi Mukuru akamumenyeshya impinduka zabayeho mu gihe kitarenze iminsi cumi n'ine (14) uherye ku munsu impinduka zabereyeho».</p>	<p>The company secretary files a copy of the internal register of beneficial owners with the Registrar General and informs the latter within a period not exceeding fourteen (14) days of any changes thereto from the date of the changes”.</p>	<p>Le secrétaire de la société dépose une copie du registre interne des bénéficiaires effectifs auprès du Registraire général et informe ce dernier de tout changement relatif audit registre dans un délai ne dépassant pas quatorze (14) jours à partir du changement».</p>
<p><u>Ingingo ya 8: Ibisabwa kugira ngo umuntu abe ugenewe inyungu ku migabane</u></p>	<p><u>Article 8: Requirement to be a beneficial owner</u></p>	<p><u>Article 8: Conditions pour être un bénéficiaire effectif</u></p>
<p>Itegeko n° 007/2021 ryo ku wa 05/02/2021 rigenga amasosiyete y'ubucuruzi ryongewemo ingingo ya 116 bis yanditswe ku buryo bukurikira:</p>	<p>In the Law n° 007/2021 of 05/02/2021 governing companies, there is inserted Article 116 bis worded as follows:</p>	<p>Dans la Loi n° 007/2021 du 05/02/2021 régissant les sociétés commerciales, il est inséré l'article 116 bis libellé comme suit:</p>
<p>«<u>Ingingo ya 116 bis: Ibisabwa kugira ngo umuntu abe ugenewe inyungu ku migabane</u></p>	<p>«<u>Article 116 bis: Requirement to be a beneficial owner</u></p>	<p>«<u>Article 116 bis: Conditions pour être un bénéficiaire effectif</u></p>
<p>Umuntu ku giti cye afatwa nk'ugenewe inyungu ku migabane mu isosiyete iyo uwo muntu, yaba ari wenyine cyangwa yishyize hamwe n'abandi, yujuje nibura kimwe mu bikurikira muri iyo sosiyete:</p>	<p>An natural person is considered a beneficial owner of a company if the natural person, whether acting alone or together with another person, meets at least one of the following conditions in relation to the company:</p>	<p>Une personne physique est considérée comme un bénéficiaire effectif d'une société lorsqu'elle remplit, seule ou de concert avec une autre personne, au moins l'une des conditions suivantes à l'égard de cette société:</p>
<p>1° afite imigabane cyangwa uburenganzira bwo gutora mu isosiyete, byaba mu buryo butaziguye cyangwa buziguye, bugera ku gipimo gisabwa cyagenwe;</p>	<p>1° he or she holds shares or exercises voting rights in a company either directly or indirectly, meeting the required threshold;</p>	<p>1° elle détient des actions ou exerce des droits de vote dans une société, directement ou indirectement, qui atteignent le seuil requis;</p>
<p>2° afite ububasha bwo gushyiraho cyangwa</p>	<p>2° he or she holds a right, directly or</p>	<p>2° elle détient un droit, direct ou</p>

Official Gazette n° Special Bis of 30/03/2023

<p>gukuraho umubare munini w’abagize Inama y’Ubutegetsi y’isosiyete byaba mu buryo butaziguye cyangwa buziguye;</p> <p>3° afite ububasha ku isosiyete cyangwa ayigenzura, byaba mu buryo butaziguye cyangwa buziguye.</p> <p>Amabwiriza y’Umwanditsi Mukuru akena igipimo gisabwa cy’imigabane n’icy’uburenganzira bwo gutora mu isosiyete mu buryo buziguye cyangwa butaziguye bivugwa mu gika cya mbere cy’iyi ngingo.</p> <p>Iyo nta muntu ku giti cye ushobora kugaragara hashingiwe ku ngano y’imigabane cyangwa iy’uburenganzira bwo gutora afite mu isosiyete cyangwa umunyamabanga w’isosiyete akaba ashidikanya ku kuri k’ufite inyungu ku migabane wagaragaye hagendewe ku biteganywa mu gika cya mbere cy’iyi ngingo, ufite inyungu ku migabane ni umuntu ku giti cye ugenzura isosiyete mu bundi buryo.</p> <p>Iyo nta muntu ku giti cye ushobora kugaragara hagendewe ku biteganywa mu gika cya mbere n’icya 3 by’iyi ngingo, ufite inyungu ku migabane ni umuntu ku giti cye ufite umwanya w’ubuyobozi mu buyobozi bw’isosiyete».</p>	<p>indirectly, to appoint or remove a majority of directors of the company;</p> <p>3° he or she exercises significant influence or control, directly or indirectly, over the company.</p> <p>Instructions of the Registrar General determine a required threshold of shares or voting rights in the company, either directly or indirectly referred to in Paragraph One of this Article.</p> <p>Where no individual is identified with the prescribed threshold of shareholding rights or voting rights in the company, or the company secretary has doubt about the accuracy of the beneficial owner identified under Paragraph One of this Article, the beneficial owner is the natural person who exercises control through other means.</p> <p>Where no natural person can be identified in accordance with the provisions of Paragraphs One and 2 of this Article, the person who holds a senior managerial position in the company must be identified as the beneficial owner”.</p>	<p>indirect, de nommer ou de révoquer la majorité des administrateurs de la société;</p> <p>3° elle exerce une influence ou un contrôle significatif, directement ou indirectement, sur la société.</p> <p>Les Instructions du Registraire général déterminent le seuil requis des actions ou des droits de vote détenus dans une société, directement ou indirectement, visé à l’alinéa premier du présent article.</p> <p>Lorsqu’aucune personne physique n’est identifiée avec le seuil prescrit de droits aux actions ou de droits de vote dans la société, ou lorsque le secrétaire de la société a des doutes sur l’exactitude du bénéficiaire effectif identifié en vertu de l’alinéa premier du présent article, le bénéficiaire effectif est la personne physique qui exerce le contrôle par d’autres moyens.</p> <p>Lorsqu’aucune personne physique ne peut être identifiée conformément aux dispositions des alinéas un et deux du présent article, la personne qui occupe un poste de direction dans une société doit être identifiée comme le bénéficiaire effectif».</p>
---	---	--

Official Gazette n° Special Bis of 30/03/2023

<p><u>Ingingo ya 9: Igitabo rusange cy'amakuru y'abagenewe inyungu ku migabane</u></p> <p>Itegeko n° 007/2021 ryo ku wa 05/02/2021 rigenga amasosiyete y'ubucuruzi ryongewemo ingingo ya 116 ter yanditswe ku buryo bukurikira:</p> <p>«Ingingo ya 116 ter: Igitabo rusange cy'amakuru y'abagenewe inyungu ku migabane</p> <p>Umwanditsi Mukuru ashiraho kandi akabika igitabo rusange cy'amakuru y'abagenewe inyungu ku migabane mu buryo ubwo ari bwo bwose, bwafasha kugenzura amakuru ari muri icyo gitabo no gutanga kopi y'ayo makuru mu buryo busomeka.</p> <p>Umwanditsi Mukuru azenzura ukuri kw'amakuru yerekeranye n'abagenewe inyungu ku migabane yatanzwe n'isosiyete kandi ashobora gusaba umuntu uwo ari we wese gutanga amakuru n'inyandiko zituma igenzura ry'ukuri kw'amakuru rikorwa.</p> <p>Inzego zibifitiye ububasha zifite uburenganzira bwo kubona amakuru ari mu gitabo rusange cy'amakuru y'abagenewe inyungu ku migabane».</p>	<p><u>Article 9: Central register of beneficial owners</u></p> <p>In the Law n° 007/2021 of 05/02/2021 governing companies, there is inserted Article 116 ter worded as follows:</p> <p>“Article 116 ter: Central register of beneficial owners</p> <p>The Registrar General establishes and keeps a central register of beneficial owners in any form, provided it is possible to inspect the information in that register and to produce a copy of the information in a legible form.</p> <p>The Registrar General verifies the accuracy of the beneficial owners' information submitted by companies and may require any person to submit information and documents that enables the verification of accuracy of such information.</p> <p>Competent authorities have access to the central register of beneficial owners”.</p>	<p><u>Article 9: Registre central des bénéficiaires effectifs</u></p> <p>Dans la loi n° 007/2021 du 05/02/2021 régissant les sociétés commerciales, il est inséré l'article 116 ter libellé comme suit:</p> <p>«Article 116 ter: Registre central des bénéficiaires effectifs</p> <p>Le Registraire général établit et conserve un registre central des bénéficiaires effectifs sous quelque forme que ce soit, à condition qu'il soit possible d'inspecter les informations y contenues et d'en produire une copie sous une forme lisible.</p> <p>Le Registraire Général vérifie l'exactitude des informations sur les bénéficiaires effectifs transmises par les sociétés et peut exiger toute personne à transmettre des informations et des documents permettant de vérifier l'exactitude de ces informations.</p> <p>Les autorités compétentes ont accès au registre central des bénéficiaires effectifs».</p>
---	---	---

Official Gazette n° Special Bis of 30/03/2023

<u>Ingingo ya 10: Amakuru yihariye</u>	<u>Article 10: Privileged information</u>	<u>Article 10: Informations privilégiées</u>
<p>Ingingo ya 120 y'Itegeko n° 007/2021 ryo ku wa 05/02/2021 rigenga amasosiyete y'ubucuruzi ihinduwe ku buryo bukurikira:</p> <p>«Umwunganizi mu mategeko cyangwa umujyanama mu by'amategeko ntahatirwa gutanga cyangwa gutangaza amakuru arebana n'ibyo yavuganye n'umukiriya we igihe amuha ubujyanama mu by'amategeko.</p> <p>Icyakora, ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bireba gusa ibiganiro by'ibanga yagiranye n'umukiriya birebana no gusaba cyangwa gutanga inama mu by'amategeko cyangwa bigamije gukoreshwa mu rubanza ruriho cyangwa ruteganyijwe.</p> <p>Hatitawe ku nshingano yo kugira ibanga ry'akazi cyangwa indi yose yo kwirinda gutangaza amakuru iteganyijwe mu mategeko abigenga, cyangwa mu masezerano, utanze amakuru ku rwego rubifitiye ububasha cyangwa ku Mwanditsi Mukuru agamije kubahiriza ibisabwa muri iyi ngingo ntashobora gufatwa nk'utubahirije iyo nshingano yo kugira ibanga cyangwa yo kwirinda gutangaza amakuru».</p>	<p>Article 120 of Law n° 007/2021 of 05/02/2021 governing companies is amended as follows:</p> <p>“Nothing compels the production or divulgence by an advocate or a legal adviser of an item subject to legal professional privilege.</p> <p>However, the provisions referred to in Paragraph One of this Article apply only to confidential communication produced for the purpose of seeking or providing legal advice or produced for purpose of use in existing or contemplated legal proceedings.</p> <p>Notwithstanding any obligation as to confidentiality or other restriction on the disclosure of information imposed by relevant laws or contracts, a person who discloses information to the competent authority or to the Registrar General while fulfilling the requirement imposed under this Article, cannot be qualified as having breached the obligation to confidentiality or restriction to the disclosure of information”.</p>	<p>L'article 120 de la Loi n° 007/2021 du 05/02/2021 régissant les sociétés commerciales est modifié comme suit:</p> <p>«Rien n'oblige la production ou la communication par un avocat ou par un conseiller juridique d'une information couverte par la confidentialité des communications entre l'avocat et son client.</p> <p>Toutefois, les dispositions de l'alinéa premier du présent article ne s'appliquent qu'aux communications confidentielles produites dans le but de demander ou de fournir des conseils juridiques ou produites à des fins d'utilisation d'une procédure judiciaire en cours ou envisagée.</p> <p>Sans considération de toute obligation de confidentialité ou autre restriction à la divulgation d'informations imposée par les dispositions légales ou contractuelles en la matière, une personne qui dévoile des informations à l'autorité compétente ou au Registraire général tout en remplissant l'exigence imposée en vertu du présent article, ne peut être considérée comme ayant enfreint l'obligation de confidentialité ou de restriction à la</p>

<p><u>Ingingo ya 11: Inyandiko ngarukamwaka</u></p> <p>Ingingo ya 143 y'Itegeko n° 007/2021 ryo ku wa 05/02/2021 rigenga amasosiyete y'ubucuruzi ihinduwe ku buryo bukurikira:</p> <p>«Abagize inama y'ubutegetsi y'isosiyete bagenzura ko isosiyete ikora n'isosiyete idakora zishyikiriza Umwanditsi Mukuru, buri mwaka, mu kwezi yahawe mu kubahiriza iyi ngingo, mu nyandiko yabugenewe yashyizweho umukono n'abagize Inama y'Ubutegetsi y'isosiyete babiri (2), cyangwa ugize Inama y'Ubutegetsi y'isosiyete umwe (1) mu gihe ari we uyigize wenyine, inyandiko ngarukamwaka yemeza ko amakuru akubiye mu gitabo ahuye n'ay'itariki y'ifoto y'umutungo ku birebana na:</p> <p>1° izina ry'isosiyete;</p> <p>2° icyicaro n'aderesi by'isosiyete;</p> <p>3° aho igitabo cy'imigabane na numero ziranga abanyamigabane biherereye;</p> <p>4° aderesi y'igikorwa cy'isosiyete;</p>	<p><u>Article 11: Annual return</u></p> <p>Article 143 of Law n° 007/2021 of 05/02/2021 governing companies is amended as follows:</p> <p>“Directors ensure that the active company and dormant company, delivers to the Registrar General each year, during the month allocated to the company for the purposes of this Article, an annual return in the prescribed form signed by two (2) directors of the company, or if there is one (1) member, by that member and confirming that the information that is on the register is correct as at the date of the return in relation to:</p> <p>1° the company's name;</p> <p>2° the registered office and registered address of the company;</p> <p>3° the location of the share register and index of shareholders;</p> <p>4° the address for service of the company;</p>	<p>divulgarion d'informations».</p> <p><u>Article 11: Déclaration annuelle</u></p> <p>L'article 143 de la Loi n° 007/2021 du 05/02/2021 régissant les sociétés commerciales est modifié comme suit:</p> <p>«Les administrateurs veillent à ce qu'une société en activités et une société en veilleuse remette au Registraire Général chaque année, au cours du mois qui lui est accordé pour l'application du présent article, une déclaration annuelle en la forme prescrite signée par deux (2) administrateurs de la société ou, lorsqu'il n'y a qu'un (1) administrateur, par ce membre lui-même et confirmant que les informations inscrites au registre sont exactes à la date de la déclaration en ce qui concerne:</p> <p>1° le nom de la société;</p> <p>2° le siège social et l'adresse de la société;</p> <p>3° la localisation du registre des actions et de l'indice des actionnaires;</p> <p>4° l'adresse du service de la société;</p>
--	---	--

Official Gazette n° Special Bis of 30/03/2023

5° aho inyandiko z'isosiye zitatibitswe ku cyicaro cyayo zihereye;	5° the location of any records that are not kept at the company's registered office;	5° l'emplacement des actes d'une société qui ne sont pas conservés au siège de la société;
6° imigabane yasaranganyijwe n'agaciro ka buri mugabane watanzwe, umubare wose w'imigabane yatanzwe, iyagombowe n'iyanyazwe n'isosiye;	6° shares allotted and the value of consideration of each share allotted, the total number of shares allotted, redeemed and forfeited by the company;	6° les actions attribuées et la valeur de chaque action attribuée, le nombre total d'actions attribuées, remboursées et confisquées par la société;
7° amazina yose n'aderesi zuzuye by'abagize Inama y'Ubutegetsi y'isosiye;	7° the full names and addresses of the directors of a company;	7° les noms et les adresses complètes des administrateurs d'une société;
8° amazina yose na aderesi zuzuye bya buri munyamabanga w'isosiye;	8° the full names and address of any secretary of a company;	8° les noms et les adresses complètes de tout secrétaire d'une société;
9° amazina yose n'aderesi zuzuye by'abanyamigabane bose n'umubare w'imigabane ya buri wese;	9° the full names and addresses of all the shareholders and the number of shares held by each;	9° les noms et les adresses complètes de tous les actionnaires et le nombre d'actions détenues par chacun d'eux;
10° amazina yose n'aderesi zuzuye by'abatakiri abanyamigabane guhera ku ifoto y'umutungo iheruka cyangwa guhera igihe isosiye yashingiwe;	10° the full names and addresses of those who have ceased to be shareholders since the last return or incorporation of the company;	10° les noms et les adresses complètes de ceux qui ont cessé d'être actionnaires depuis la dernière déclaration ou la constitution de la société;
11° ibisobanuro kuri buri saranganya ry'umugabane;	11° details on any transfer of shares;	11° les précisions sur toute cession d'actions;
12° amakuru ku isosiye ibumbye izindi, mu gihe isosiye ari iyabyawe n'indi;	12° where the company is a subsidiary, information on the holding company;	12° lorsque la société est une filiale, des informations sur la société holding;
13° itariki fatizo y'ibaruramari ry'isosiye;	13° the company's accounting reference	13° la date de référence comptable de la

Official Gazette n° Special Bis of 30/03/2023

<p>14° ikindi cyose kibujijwe ku bushobozi n'ububasha by'isosiye;</p> <p>15° amakuru yerekeye ugenewe inyungu ku migabane;</p> <p>16° ko ibaruramari ry'umwaka ryashyikirijwe Umwanditsi Mukuru hakurikijwe iri tegeko.</p> <p>Ifoto y'umutungo ngarukamwaka ishyirwaho itariki y'ukwezi ifoto y'umutungo igomba gushyikirizwamo Umwanditsi Mukuru.</p> <p>Mu gihe cy'ishingwa ry'isosiye, Umwanditsi Mukuru, akoresheje inyandiko, agenera isosiye ukwezi kugira ngo yubahirize ibiteganywa n'iyi ngingo.</p> <p>Umwanditsi Mukuru ashobora, akoresheje indi nyandiko, guhindura ukwezi yatanze akurikije igika cya 3 cy'iyi ngingo.</p> <p>Hatitawe ku biteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo:</p> <p>1° isosiye ntikenera gukora ifoto y'umutungo ngarukamwaka mu mwaka</p>	<p>date;</p> <p>14° any other restriction on the company's capacity and powers;</p> <p>15° details of its beneficial owner and the nature of interest held;</p> <p>16° that annual accounts have been delivered to the Registrar General in accordance with this Law.</p> <p>The annual return is dated as at a day within the month during which the return is required to be delivered to the Registrar General.</p> <p>During incorporation of a Company, the Registrar General by written notice to the company, allocates a month to the company to comply with provisions for the purposes of this Article.</p> <p>The Registrar General may by subsequent written notice, alter the month allocated pursuant to Paragraph 3 of this Article.</p> <p>Without consideration of the provisions of Paragraph One of this Article:</p> <p>1° a company does not need to make an annual return in the calendar</p>	<p>société;</p> <p>14° toute autre restriction à la capacité et aux pouvoirs de la société;</p> <p>15° les détails sur ses bénéficiaires effectifs et la nature des intérêts détenus;</p> <p>16° que les comptes annuels ont été remis au Registraire général conformément à la présente loi.</p> <p>Une déclaration annuelle de revenus est datée du jour du mois au cours duquel la déclaration doit être remise au Registraire général.</p> <p>Lors de la constitution de la société, le Registraire général, par avis écrit à la société, accorde un mois à la société aux fins de la conformité aux dispositions du présent article.</p> <p>Le Registraire général peut, par avis écrit ultérieur, modifier le mois accordé en vertu de l'alinéa 3 du présent article.</p> <p>Sans considération des dispositions de l'alinéa premier du présent article:</p> <p>1° une société n'a pas besoin de faire une déclaration annuelle de revenus</p>
--	---	--

Official Gazette n° Special Bis of 30/03/2023

<p>yashinzwemo;</p> <p>2° byemejwe n’Umwanditsi Mukuru akoresheje inyandiko, isosiyete yabyawe n’indi ikorera isosiyete ibumbye izindi ifoto y’umutungo ngarukamwaka mu kwezi kwahawe isosiyete ibumbye izindi hakurikijwe iyi ngingo, aho kuyikora mu kwezi iyo sosiyete yahawe».</p> <p><u>Ingingo ya 12: Ishyirwaho ry’Umwanditsi w’isosiyete</u></p> <p>Ingingo ya 172 y’Itegeko n° 007/2021 ryo ku wa 05/02/2021 rigenga amasosiyete y’ubucuruzi ihinduwe ku buryo bukurikira:</p> <p>«Isosiyete ihamagarira rubanda kuguramo imigabane igira umwanditsi w’isosiyete naho isosiyete idahamagarira rubanda kuguramo imigabane ishobora kugira umwanditsi w’isosiyete.</p> <p>Haseguriwe ibiteganywa mu nyandiko zishinga isosiyete, umwanditsi w’isosiyete ashobora gushyirwaho n’Inama y’Ubutegetsi ikanagena igihe yakora, ibisabwa n’ibyho agenerwa ibona ko bikwiye; umwanditsi w’isosiyete ushyizweho muri ubwo buryo ashobora gukurwaho n’abamushyizeho.</p>	<p>year of its incorporation;</p> <p>2° upon a written approval of the Registrar General, a subsidiary company makes an annual return during the month allocated to its holding company for the purposes of this article, rather than during the month allocated to it”.</p> <p><u>Article 12: Appointment of a company secretary</u></p> <p>Article 172 of Law n° 007/2021 of 05/02/2021 governing companies is amended as follows:</p> <p>“A public company has a company secretary, and a private company may have a company secretary.</p> <p>Subject to the company's incorporation documents, the company secretary may be appointed by the Board of directors for such term, at such remuneration and upon such conditions as they think fit; and any company secretary so appointed may be removed by the appointing authority.</p>	<p>dans l’année civile de sa constitution;</p> <p>2° sur approbation écrite du Registraire général, une filiale fait une déclaration annuelle de revenus au cours du mois consacré à la société holding aux fins du présent article, plutôt que pendant le mois qui lui est consacré ».</p> <p><u>Article 12 : Nomination d’un secrétaire de la société</u></p> <p>L’article 172 de la Loi n° 007/2021 du 05/02/2021 régissant les sociétés commerciales est modifié comme suit :</p> <p>« Une société publique a un secrétaire de la société, et une société privée peut avoir un secrétaire de la société.</p> <p>Sous réserve des documents constitutifs de la société, le secrétaire peut être nommé par le Conseil d’ administration pour le mandat, la rémunération et les conditions qu’ils jugent convenables; et tout secrétaire ainsi nommé peut être révoqué par l’autorité de nomination.</p>
---	--	--

Official Gazette n° Special Bis of 30/03/2023

<p>Umwanditsi w'isosiyete agomba kuba atuye mu Rwanda ».</p> <p><u>Ingingo ya 13: Gusaba kwandikwa</u></p> <p>Ingingo ya 247 y'Itegeko n° 007/2021 ryo ku wa 05/02/2021 rigenga amasosiyete y'ubucuruzi ihinduwe ku buryo bukurikira:</p> <p>«Isosiyete y'inyamahanga ishyiraho ahakorerwa ubucuruzi mu Rwanda isaba kwandikwa bitarenze iminsi icumi (10) y'akazi imaze gushyiraho ahakorerwa ibikorwa by'ubucuruzi.</p> <p>Gusaba kwandikwa kw'isosiyete y'inyamahanga bikorwa byanditswe mu nyandiko yabugenewe, igasinywa n'uhagarariye isosiyete y'inyamahanga igatangwa ku Mwanditsi Mukuru.</p> <p>Ubusabe bwo kwandikwa kw'isosiyete y'inyamahanga bugaragaza:</p> <p>1° izina ry'isosiyete y'inyamahanga;</p> <p>2° amazina yose, aderesi n'iyaho abayobozi b'isosiyete y'inyamahanga batuye;</p> <p>3° icyicaro gikuru cy'ibikorwa by'ubucuruzi</p>	<p>The company secretary must be a Rwandan resident”.</p> <p><u>Article 13: Application for registration</u></p> <p>Article 247 of Law n° 007/2021 of 05/02/2021 governing companies is amended as follows:</p> <p>“A foreign company that establishes a place of business within Rwanda applies for registration within ten (10) working days of the establishment of a place of business.</p> <p>To apply for the registration of a foreign company, a duly completed application for registration in the prescribed form, signed by the representative of the foreign company is delivered to the Registrar General.</p> <p>The application for the registration of a foreign company states:</p> <p>1° the name of the foreign company;</p> <p>2° the full names, residential addresses of the directors of the foreign company;</p> <p>3° the principal place of business and</p>	<p>Le secrétaire de la société doit être un résident du Rwanda ».</p> <p><u>Article 13: Demande d'enregistrement</u></p> <p>L'article 247 de la Loi n° 007/2021 du 05/02/2021 régissant les sociétés commerciales est modifié comme suit:</p> <p>« Une société étrangère qui établit son lieu d'activités au Rwanda fait une demande d'enregistrement dans les dix (10) jours ouvrables de l'établissement de son lieu d'activités.</p> <p>La demande d'enregistrement d'une société étrangère est dûment remplie dans la forme prescrite, signée par le représentant de ladite société et transmise au Registraire général.</p> <p>La demande d'enregistrement d'une société étrangère spécifie:</p> <p>1° le nom de la société étrangère;</p> <p>2° les noms complets et l'adresse des domiciles des administrateurs de la société étrangère;</p> <p>3° l'adresse de l'emplacement</p>
--	---	---

Official Gazette n° Special Bis of 30/03/2023

<p>na aderesi y'isosiyete;</p> <p>4° itariki fatizo y'ibaruramari y'isosiyete y'inyamahanga;</p> <p>5° amazina yuzuye, aderesi na numero iranga usora cyangwa indi numero iranga umuntu by'umunyamigabane n'umubare w'imigabane afite;</p> <p>6° amakuru y'abagenewe inyungu ku migabane.</p>	<p>address of the company;</p> <p>4° the foreign company's accounting reference date;</p> <p>5° the full name, address, tax identification number or other identification number of shareholder and number of shares held;</p> <p>6° the beneficial ownership information.</p>	<p>principal des affaires et l'adresse de la société;</p> <p>4° la date de référence comptable de la société étrangère;</p> <p>5° le nom complet, l'adresse, le numéro d'identification fiscale ou autre numéro d'identification d'un actionnaire et le nombre d'actions détenues;</p> <p>6° les informations relatives aux bénéficiaires effectifs.</p>
<p>Ubusabe buvugwa mu gika cya 3 cy'iyi ngingo bwomekwaho:</p> <p>1° kopi y'icyemezo kigaragaza iyandikisha ry'isosiyete y'inyamahanga;</p> <p>2° haseguriwe ibivugwa mu gika cya 5 cy'iyi ngingo, kopi y'icyemezo cyerekana ibigize isosiyete y'inyamahanga iriho umukono wa noteri, kandi icyo cyemezo cyaba kitanditse muri rumwe mu ndimi zemewe mu butegetsi, bukomekwaho ihindurandimi ryacyo ryemewe;</p> <p>3° inyandiko y'ubwumvikane cyangwa</p>	<p>The application referred to in Paragraph 3 of this Article has in attachment:</p> <p>1° a copy of evidence of registration certificate of the foreign company;</p> <p>2° subject to the provisions of Paragraph 5 of this Article, a certified copy of the instrument defining the constitution of the foreign company, and if the instrument is not written in one of the official languages, a certified translation of it;</p> <p>3° a memorandum of understanding or</p>	<p>À la demande visée à l'alinéa 3 du présent article, il est annexé:</p> <p>1° une copie de la preuve du certificat d'enregistrement de la société étrangère;</p> <p>2° sous réserve des dispositions de l'alinéa 5 du présent article, une copie certifiée de l'instrument définissant la constitution de la société étrangère, et une traduction certifiée dudit instrument au cas où ce dernier n'est pas rédigé en l'une des langues officielles;</p> <p>3° un mémorandum d'entente ou une</p>

Official Gazette n° Special Bis of 30/03/2023

<p>itangabubasha kugira ngo isosiyete ihagararirwe mu Rwanda;</p> <p>4° itangazo rigaragaza abemerewe guhagararira isosiyete.</p> <p>Icyemezo kigize cyangwa kigaragaza ibigize isosiyete y'inyamahanga ntikigomba gutangwa ku Mwanditsi Mukuru iyo kirebana gusa n'imikorere n'imirungire by'isosiyete, kandi iyo igice kimwe cy'icyo cyemezo kirebana n'ibyo ntabwo gishobora gutangwa ».</p> <p><u>Ingingo ya 14:</u> Inyandiko zihabwa buri mwaka Umwanditsi Mukuru</p> <p>Ingingo ya 252 y'Itegeko n° 007/2021 ryo ku wa 05/02/2021 rigenga amasosiyete y'ubucuruzi ihinduwe ku buryo bukurikira:</p> <p>«<u>Ingingo ya 252:</u> Inyandiko zihabwa buri mwaka Umwanditsi Mukuru</p> <p>Inama y'Ubutegetsi y'isosiyete y'inyamahanga ishyikiriza buri mwaka Umwanditsi Mukuru inyandiko zikurikira:</p> <p>1° ibaruramari ry'umwaka n'inyandiko ngarukamwaka by'isosiyete</p>	<p>power of attorney to represent the company in Rwanda;</p> <p>4° a declaration indicating the authorized representatives of the company.</p> <p>The instrument constituting or defining the constitution of the foreign company does not need to be delivered to the Registrar General if it deals with solely the internal management of the company, and if a part of the said instrument relates to the internal management, that part does not need to be delivered ”.</p> <p><u>Article 14:</u> Documents delivered annually to the Registrar General</p> <p>Article 252 of Law n° 007/2021 of 05/02/2021 governing companies is amended as follows:</p> <p>“<u>Article 252:</u> Documents delivered annually to the Registrar General</p> <p>Directors of a foreign company deliver on a yearly basis, the following documents to the Registrar General:</p> <p>1° the annual accounts and annual return of foreign company;</p>	<p>procuration pour représenter la société au Rwanda;</p> <p>4° une déclaration indiquant les représentants autorisés de la société.</p> <p>L'instrument établissant ou définissant la constitution de la société étrangère ne doit pas être transmis au Registraire général lorsqu'il porte exclusivement sur la gestion interne de la société, et lorsqu'une partie dudit instrument porte sur la gestion interne, ladite partie ne doit pas être transmise ».</p> <p><u>Article 14:</u> Documents transmis annuellement au Registraire général</p> <p>L'article 252 de la Loi n° 007/2021 du 05/02/2021 régissant les sociétés commerciales est modifié comme suit:</p> <p>«<u>Article 252:</u> Documents transmis annuellement au Registraire général</p> <p>Les administrateurs d'une société étrangère transmettent, chaque année, au Registraire général les documents suivants:</p> <p>1° les comptes annuels et la déclaration annuelle de la société</p>
---	--	--

<p>y'inyamahanga;</p> <p>2° urutonde rw'abanyamigabane n'imyirondoro yabo irimo amazina, aderesi, numero iranga usora cyangwa indi numero ibaranga n'umubare w'imigabane bafite mu isosiyete y'inyamahanga;</p> <p>3° ibiranga abagenewe inyungu ku migabane bayo ».</p> <p><u>Ingingo ya 15: Iyubahirizwa ry'ibitegenywa n'iri tegeko</u></p> <p>Ingingo ya 257 y'Itegeko n° 007/2021 ryo ku wa 05/02/2021 rigenga amasosiyete y'ubucuruzi ihinduwe ku buryo bukurikira:</p> <p>«<u>Ingingo ya 257: Iyubahirizwa ry'ibitegenywa n'iri tegeko</u></p> <p>Isosiyete y'inyamahanga yanditswe mu Rwanda yubahiriza ibitegenywa n'iri tegeko uretse iyo bitegenyijwe ukundi.</p> <p>Uwemerewe guhagararira isosiyete y'inyamahanga afite inshingano yo gukora ku buryo yubahiriza ibitegenywa n'iri tegeko ».</p>	<p>2° list of its shareholders and their particulars including names, address, tax identification number or other identification number and number of shares held;</p> <p>3° particulars of its beneficial owners”.</p> <p><u>Article 15: Enforcement of provisions of this Law</u></p> <p>Article 257 of Law n° 007/2021 of 05/02/2021 governing companies is amended as follows:</p> <p>“<u>Article 257: Enforcement of provisions of this Law</u></p> <p>Unless otherwise provided, a foreign company registered in Rwanda complies with the provisions of this Law.</p> <p>The authorised representative of the foreign company is responsible for ensuring the compliance with the provisions of this Law ”.</p>	<p>étrangère;</p> <p>2° la liste de ses actionnaires et leurs coordonnées, y compris les noms, les adresses, les numéros d'identification du contribuable ou un autre numéro d'identification et le nombre d'actions détenues;</p> <p>3° les détails de ses bénéficiaires effectifs ».</p> <p><u>Article 15: Mise en application de la présente loi</u></p> <p>L'article 257 de la Loi n° 007/2021 du 05/02/2021 régissant les sociétés commerciales est modifié comme suit:</p> <p>«<u>Article 257: Mise en application de la présente loi</u></p> <p>Sauf disposition contraire, une société étrangère enregistrée au Rwanda se conforme aux dispositions de la présente loi.</p> <p>Le représentant autorisé de la société étrangère a la responsabilité de veiller au respect des dispositions de la présente loi”.</p>
---	---	---

Official Gazette n° Special Bis of 30/03/2023

<p><u>Ingingo ya 16:</u> Intego y’isosiyete yita ku nyungu za rubanda</p> <p>Ingingo ya 269 y’Itegeko n° 007/2021 ryo ku wa 05/02/2021 rigenga amasosiyete y’ubucuruzi ihinduwe ku buryo bukurikira:</p> <p>«<u>Ingingo ya 269:</u> Intego y’isosiyete yita ku nyungu za rubanda</p> <p>Imwe mu ntego y’isosiyete yita ku nyungu za rubanda ni ukugira impinduka nziza kuri rubanda no ku bidukikije, birebewe muri rusange. Izo mpinduka zigomba kuba zijyanye n’ingano n’imiterere by’iyo sosiyete yita ku nyungu za rubanda ndetse zigaturuka ku buryo iyo isosiyete ikoreramo.</p> <p>Inyandiko z’ishingwa ry’isosiyete yita ku nyungu za rubanda zishobora kandi kugaragaza nibura imwe mu ntego zifitiye rubanda akamaro zikurikira nk’impamvu zatuma isosiyete yita ku nyungu za rubanda ishingwa:</p> <p>1° kugeza ku bantu cyangwa imiryango bafite amikoro make, ibikoresho na serivisi bibafitiye akamaro cyangwa kubigeza ku bo bitageraho;</p>	<p><u>Article 16:</u> Purpose of a community benefit company</p> <p>Article 269 of Law n° 007/2021 of 05/02/2021 governing companies is amended as follows:</p> <p>“<u>Article 269 :</u> Purpose of a community benefit company</p> <p>One of the purposes of every community benefit company is to have a positive impact on society and the environment, taken as a whole, that is proportionate to the size and nature of the business of the company and created by the manner in which the company is operated.</p> <p>The incorporation documents of a community benefit company may also identify at least one of the following social objectives that is a purpose of the community benefit company:</p> <p>1° providing low-income or underserved individuals or communities with beneficial products or services or providing the same products to community members not yet served;</p>	<p><u>Article 16:</u> Objectif d’une société d’intérêt communautaire</p> <p>L’article 269 de la Loi n° 007/2021 du 05/02/2021 régissant les sociétés commerciales est modifié comme suit:</p> <p>« <u>Article 269:</u> Objectif d’une société d’intérêt communautaire</p> <p>L’un des objectifs de chaque société d’intérêt communautaire est d’avoir un impact positif sur la société et sur l’environnement, pris dans leur ensemble, qui est proportionné à la taille et à la nature de l’activité commerciale de cette société et créé par la manière dont la société est exploitée.</p> <p>Les documents constitutifs d’une société d’intérêt communautaire peuvent également définir au moins un des objectifs sociaux suivants que la société d’intérêt communautaire vise:</p> <p>1° fournir aux individus ou communautés à faible revenu ou desservies des produits ou services bénéfiques ou les fournir à une communauté non encore servie;</p>
---	--	--

Official Gazette n° Special Bis of 30/03/2023

<p>2° guteza imbere amahirwe mu bukungu ku bantu cyangwa imiryango birenze uburyo busanzwe bwo guhanga imirimo mu bikorwa;</p> <p>3° kubungabunga no guteza imbere ibidukikije;</p> <p>4° guteza imbere ubuzima bw’abantu;</p> <p>5° guteza imbere ubugeni, siyansi no kuzamura ubumenyi;</p> <p>6° gutanga indi nyungu yose yihariye kuri rubanda no ku bidukikije.</p> <p>Kugaragaza intego yihariye yo guteza imbere rubanda mu nyandiko y’ishingwa ry’isosiyete yita ku nyungu za rubanda ntibibuza ko isosiyete yita ku nyungu za rubanda igirira akamaro rubanda n’ibidukikije bifatiwe hamwe.</p> <p>Iteka rya Minisitiri rigena ibirebana n’inyungu zihariye zigererwa isosiyete yita ku nyungu za rubanda n’ibisabwa kugira ngo izihabwe ».</p>	<p>2° promoting economic opportunity for individuals or communities beyond the creation of jobs in the normal course of business;</p> <p>3° conserving and promoting the environment;</p> <p>4° improving human health;</p> <p>5° promoting the arts, sciences and advancement of knowledge;</p> <p>6° conferring any other particular benefit on society or the environment.</p> <p>The identification of a specific social objective in a community benefit company’s incorporation document does not limit the purpose of the company to have a positive impact on society and the environment taken as a whole.</p> <p>An Order of the Minister determines special incentives for community benefit companies and requirements to be eligible for such incentives ”.</p>	<p>2° promouvoir les opportunités économiques pour les individus ou pour les communautés au-delà de la création d’emplois dans le cours normal des activités;</p> <p>3° sauvegarder et promouvoir l’environnement;</p> <p>4° améliorer la santé humaine;</p> <p>5° promouvoir les arts, les sciences et l’avancement des connaissances;</p> <p>6° conférer tout autre avantage particulier à la société ou à l’environnement.</p> <p>L’identification d’un objectif social spécifique dans les documents constitutifs d’une société d’intérêt communautaire ne limite pas l’objectif de la société d’avoir un impact positif sur la société et l’environnement dans son ensemble.</p> <p>Un arrêté du Ministre détermine les mesures incitatives spéciales revenant à des sociétés d’intérêt communautaire et les conditions requises pour être éligibles à ces mesures incitatives ».</p>
--	--	--

Official Gazette n° Special Bis of 30/03/2023

Ingingo ya 17: Gusubiza isosiyete mu gitabo cy'amasosiyete bikozwe n'Umwanditsi Mukuru	Article 17: Restoration by the Registrar General of a company to the register	Article 17: Rétablissement d'une société au registre par le Registraire général
<p>Ingingo ya 287 y'Itegeko n° 007/2021 ryo ku wa 05/02/2021 rigenga amasosiyete y'ubucuruzi ihinduwe ku buryo bukurikira:</p>	<p>Article 287 of Law n° 007/2021 of 05/02/2021 governing companies is amended as follows:</p>	<p>L'article 287 de la Loi n° 007/2021 du 05/02/2021 régissant les sociétés commerciales est modifié comme suit:</p>
<p>«Umwanditsi Mukuru abyibwirije cyangwa abisabwe ashobora kongera kwandika mu gitabo cy'amasosiyete isosiyete iyo asanga nyuma yo gukurwa mu gitabo:</p>	<p>“The Registrar General, on his or her own initiative or on application, may restore a company to the register where he or she is satisfied that after its removal from the register:</p>	<p>«Le Registraire général, de sa propre initiative ou sur demande, peut rétablir une société au registre s'il est convaincu qu'après sa radiation du registre:</p>
<p>1° isosiyete yarakomeje gukora ibikorwa by'ubucuruzi cyangwa hariho indi mpamvu yariho ituma isosiyete ikomeza kubaho;</p>	<p>1° the company was still carrying on business or other reason existed for the company to continue in existence;</p>	<p>1° la société menait encore ses activités ou il y avait une autre raison pour que la société continue d'exister;</p>
<p>2° isosiyete yari mu manza;</p>	<p>2° the company was a party to legal proceedings;</p>	<p>2° la société était partie dans des procédures judiciaires;</p>
<p>3° isosiyete yari muri gahunda ijyanye n'igihombo cy'isosiyete.</p>	<p>3° the company was subject to an insolvency process.</p>	<p>3° la société faisait l'objet d'une procédure d'insolvabilité.</p>
<p>Gusaba ko isosiyete yakuwe mu gitabo cy'amasosiyete isubizwamo bishobora gusabwa n'umwe muri aba bakurikira amaze kwishyura amafaranga yagenwe:</p>	<p>Application to restore a company to the register may be made by any of the following after payment of prescribed fee:</p>	<p>Une demande de rétablissement d'une société au registre peut être présentée par l'une des personnes suivantes après paiement des frais prescrits:</p>
<p>1° umunyamigabane cyangwa ugize inama y'ubutegetsu;</p>	<p>1° a shareholder or a director of the company;</p>	<p>1° un actionnaire ou un administrateur de la société;</p>

Official Gazette n° Special Bis of 30/03/2023

<p>2° uberewemo umwenda n'isosiyete;</p> <p>3° ushinzwe kwegeranya no kugabagabanya umutungo w'isosiyete.</p> <p>Mbere y'uko Umwanditsi Mukuru yongera kwandika isosiyete mu gitabo cy'amasosiyete anyuza itangazo mu bitangazamakuru bibiri (2) bisohoka buri muni bisomwa na benshi mu Rwanda, usaba amaze kwishyura amafaranga ateganywa y'imenyekanisha. Iryo tangazo rigaragaza:</p> <p>1° izina ry'isosiyete;</p> <p>2° izina n'aderesi by'usaba;</p> <p>3° ingingo ishingirwaho n'impamvu ubusabe bushingiraho cyangwa Umwanditsi Mukuru ashingiraho ashaka kubikora, bitewe n'uko bimeze.</p> <p>Itariki ntarengwa yo gutambamira ko isosiyete yongera kwandikwa mu gitabo cy'amasosiyete ishyikirizwa Umwanditsi Mukuru, ariko ntigomba kuba muni y'iminsi mirongo itatu (30) nyuma y'itariki y'itangazo.</p> <p>Iyo Umwanditsi Mukuru asubije isosiyete mu</p>	<p>2° a creditor of the company;</p> <p>3° a liquidator of the company.</p> <p>Before the Registrar General restores a company to the register, he or she, on payment of publication costs by an applicant, gives public notice in two (2) daily newspapers having wide circulation in Rwanda. The notice indicates:</p> <p>1° the name of the company;</p> <p>2° the name and address of the applicant;</p> <p>3° the Article under, and the grounds on which, the application is made or the Registrar General proposes to act, as the case may be.</p> <p>The date by which an objection to restoring the company to the register is not filed with the Registrar General, not being less than thirty (30) days after the date of the notice.</p> <p>Where the Registrar General restores a</p>	<p>2° un créancier de la société ;</p> <p>3° un liquidateur de la société.</p> <p>Avant que le Registraire général ne rétablisse une société au registre, il donne, après paiement des frais de publication par le demandeur, un avis public dans deux (2) journaux quotidiens largement diffusés au Rwanda. Cet avis indique:</p> <p>1° le nom de la société;</p> <p>2° le nom et l'adresse du demandeur;</p> <p>3° l'article en vertu duquel et les motifs pour lesquels la demande est faite ou le Registraire Général propose d'agir, selon le cas.</p> <p>La date butoir à laquelle une objection au rétablissement de la société au registre doit être déposée auprès du Registraire général, qui ne peut pas être en dessous de trente (30) jours après la date de l'avis.</p> <p>Lorsque le Registraire général rétablit, de</p>
--	--	--

Official Gazette n° Special Bis of 30/03/2023

<p>gitabo cy'amasosiyete abyibwirije, amenyekanisha akoresheje inyandiko igenewe rubanda ko iyo sosiyete yasubijwe mu gitabo.</p> <p>Umwanditsi Mukuru ntasubiza isosiyete mu gitabo cy'amasosiyete iyo yakiriye itambama ry'isubizwa mu gitabo cy'amasosiyete mu gihe giteganyijwe mu nyandiko imenyeshya.</p> <p>Mbere y'uko asubiza isosiyete mu gitabo cy'amasosiyete, Umwanditsi Mukuru asaba isosiyete kubanza kubahiriza ibyo itari yarubahirije mbere y'uko ikurwa mu gitabo cy'amasosiyete. icyakora, nta sosiyete ishobora gusubizwa mu gitabo cy'amasosiyete iyo hashize imyaka icumi (10) isibwe.</p> <p>Bisabwe n'Umwanditsi Mukuru cyangwa undi muntu, urukiko rushobora gufata icyemezo cyo gusubiza isosiyete mu gitabo cy'amasosiyete mu rwego rumwe nk'aho iyo sosiyete itigeze ikurwa mu gitabo cy'amasosiyete ».</p> <p><u>Ingingo ya 18: Gusubiza isosiyete mu gitabo cy'amasosiyete byemejwe n'urukiko</u></p> <p>Ingingo ya 288 y'Itegeko n° 007/2021 ryo ku wa 05/02/2021 rigenga amasosiyete y'ubucuruzi ihinduwe ku buryo bukurikira:</p>	<p>company to the register on his own motion, he or she gives public notice of the restoration.</p> <p>The Registrar General does not restore a company to the register if the Registrar General receives an objection to the restoration within the period stated in the notice.</p> <p>Before the Registrar General restores a company to the register under this Article, the Registrar General requires to comply with provisions which the company had failed to comply with before it was removed from the register. However, no company shall be restored if ten (10) years have elapsed since it was deregistered.</p> <p>The court, on the application of the Registrar General or the applicant, may make an order that the company be restored to the register as if the company had not been removed from the register ”.</p> <p><u>Article 18: Restoring a company to the register by the court order</u></p> <p>Article 288 of Law n° 007/2021 of 05/02/2021 governing companies is amended as follows:</p>	<p>sa propre initiative, une société au registre, il annonce au public ce rétablissement.</p> <p>Le Registraire général ne rétablit pas une société au registre lorsqu'il reçoit une opposition au rétablissement dans le délai indiqué dans l'avis.</p> <p>Avant qu'il ne rétablisse une société au registre en vertu du présent article, le Registraire général exige que toutes les dispositions que la société n'avait pas respectées avant d'être radiée du registre, soit respectées. Toutefois, aucune société ne peut être rétablie lorsque dix (10) ans se sont écoulés depuis sa radiation.</p> <p>La juridiction, à la demande du Registraire général ou du requérant, peut rendre une ordonnance de rétablir une société au registre dans la même situation qu'elle aurait été si la société n'avait pas été radiée du registre.»</p> <p><u>Article 18: Rétablissement d'une société au registre par décision judiciaire</u></p> <p>L'article 288 de la Loi n° 007/2021 du 05/02/2021 régissant les sociétés commerciales est modifié comme suit:</p>
--	--	--

Official Gazette n° Special Bis of 30/03/2023

<p>«Urukiko, rushingiye ku busabe bwo gusubiza isosiyete mu gitabo cy’amasosiyete, rushobora gutegeka ko isosiyete yari yakuwe mu gitabo cy’amasosiyete isubizwamo hamaze kwishyurwa amafaranga yagenwe, iyo urukiko rubonye ko mu gihe isosiyete yakurwaga mu gitabo cy’amasosiyete:</p> <p>1° yakomeje imirimo y’ubucuruzi cyangwa hari izindi mpamvu zatumye isosiyete ikomeza kubaho;</p> <p>2° yakurikiranwaga mu nkiko;</p> <p>3° yari mu gihombo;</p> <p>4° usaba yari uberewemo umwenda n’isosiyete, umunyamigabane cyangwa umuntu wari ufite ikirego kitarasubizwa n’isosiyete;</p> <p>5° usaba yizeraga ko hari uburenganzira bwo kurega bwariho cyangwa yateganyanga gukomeza uburenganzira bwo kurega mu izina ry’isosiyete hashingiwe kuri iri tegeko;</p> <p>6° indi mpamvu yose yumvikana yatuma</p>	<p>“The Court, on the application for restoring a company to the register, may order that a company that has been removed from the register of companies be restored to the register on payment of the prescribed fee, where the court is satisfied that at the time the company was removed from the register:</p> <p>1° it was still carrying on business or other reason existed for the company to continue in existence;</p> <p>2° it was a party to legal proceedings;</p> <p>3° it was subject to insolvency proceedings;</p> <p>4° the applicant was creditor, or a shareholder, or a person who had an undischarged claim against the company;</p> <p>5° the applicant believed that a right of action existed, or intended to pursue a right of action, on behalf of the company under this Law;</p> <p>6° for any other reason it is just and</p>	<p>«La juridiction, sur demande de rétablissement d’une société au registre, peut ordonner qu’une société radiée du registre des sociétés y soit rétablie moyennant paiement des frais prescrits, lorsque la juridiction est satisfaite qu’au moment où la société a été radiée du registre:</p> <p>1° elle menait encore ses activités ou il y avait une autre raison pour qu’elle continue d’exister;</p> <p>2° elle était partie dans des procédures judiciaires;</p> <p>3° elle faisait l’objet d’une procédure d’insolvabilité;</p> <p>4° le requérant était un créancier ou un actionnaire ou une personne qui avait une réclamation non acquittée contre la société;</p> <p>5° le requérant estimait qu’un droit d’action existait ou avait l’intention de poursuivre un droit d’action au nom de la société en vertu de la présente loi;</p> <p>6° pour toute autre raison, il est juste</p>
---	--	--

Official Gazette n° Special Bis of 30/03/2023

<p>isosiyete yongera kwandikwa mu gitabo cy'amasosiyete.</p> <p>Ubusabe buvugwa ku gika cya mbere cy'iyi ngingo bushobora gukorwa n'umwe muri aba bakurikira:</p> <p>1° uwari umunyamigabane cyangwa ugize inama y'ubutegetsi y'isosiyete;</p> <p>2° uwari uberewemo umwenda n'isosiyete;</p> <p>3° uwari mu rubanza ruregwamo isosiyete;</p> <p>4° uwari ufite ikibazo kitarasubizwa n'isosiyete;</p> <p>5° uwari ushinzwe kwegeranya no kugabagabanya umutungo w'isosiyete;</p> <p>6° Umwanditsi Mukuru;</p> <p>7° umuntu wabiherewe ububasha n'urukiko.</p> <p>Mbere y'uko urukiko rufata icyemezo cyo</p>	<p>equitable to restore the company to the register.</p> <p>An application referred to in Paragraph One of this Article may be made by any of the following:</p> <p>1° a person who was a shareholder or director of the company;</p> <p>2° a person who was a creditor of the company;</p> <p>3° a person who was a party to any legal proceedings against the company;</p> <p>4° a person who had an undischarged claim against the company;</p> <p>5° a person who was the liquidator of the company;</p> <p>6° the Registrar General;</p> <p>7° a person authorised by the court.</p> <p>Before the court makes an order restoring</p>	<p>et équitable de rétablir la société au registre.</p> <p>La demande visée à l'alinéa premier du présent article peut être formée par l'une des personnes suivantes:</p> <p>1° une personne qui était un actionnaire ou un administrateur de la société;</p> <p>2° une personne qui était un créancier de la société;</p> <p>3° une personne qui était partie à une procédure judiciaire contre la société;</p> <p>4° une personne qui avait une réclamation non acquittée contre la société;</p> <p>5° une personne qui était un liquidateur de la société;</p> <p>6° le Registraire général;</p> <p>7° une personne ayant l'autorisation de la juridiction.</p> <p>Avant de rendre une ordonnance</p>
---	--	--

Official Gazette n° Special Bis of 30/03/2023

<p>gusubiza isosiyete mu gitabo cy’amasosiyete, rusaba isosiyete kubanza kubahiriza ibyo itari yarubahirije mbere y’uko ikurwa mu gitabo cy’amasosiyete.</p> <p>Urukiko rushobora gufata icyemezo cyo gusubiza isosiyete mu gitabo cy’amasosiyete mu rwego rumwe nk’aho iyo sosiyete itigeze ikurwa mu gitabo cy’amasosiyete .</p> <p>Icyakora, nta sosiyete ishobora gusubizwa mu gitabo cy’amasosiyete iyo hashize imyaka icumi (10) ikuwemo”.</p> <p><u>Ingingo ya 19:</u> Kutabika inyandiko no kudahuza n’igihe amakuru azikubiyemo</p> <p>Ingingo ya 326 y’Itegeko n° 007/2021 ryo ku wa 05/02/2021 rigenga amasosiyete y’ubucuruzi ihinduwe ku buryo bukurikira:</p> <p>«<u>Ingingo ya 326:</u> Kutabika inyandiko no kudahuza n’igihe amakuru azikubiyemo</p> <p>Isosiyete itabika inyandiko cyangwa idahuza n’igihe amakuru azikubiyemo nk’uko bisabwa n’iri tegeko iba ikoze ikosa, ihanishwa ihazabu yo mu rwego rw’ubutegetsu ingana n’amafaranga y’u Rwanda atari muni</p>	<p>a company to the register, it requires the company to comply with the provisions which it had failed to comply with before it was removed from the register.</p> <p>The court may give such directions or make such orders as may be necessary or desirable for the purpose of placing the company as nearly as possible in the same position as if the company had not been removed from the register.</p> <p>However, no company shall be restored if ten (10) years have elapsed since it was deregistered ”.</p> <p><u>Article 19:</u> Failure to keep and update the records</p> <p>Article 326 of Law n° 007/2021 of 05/02/2021 governing companies is amended as follows:</p> <p>“<u>Article 326:</u> Failure to keep and update the records</p> <p>A company which fails to keep the records or to update them as required by this Law commits a fault and is liable to an administrative fine of not less than five hundred thousand Rwandan francs (FRW</p>	<p>rétablissant une société au registre, la juridiction exige que toutes les dispositions auxquelles la société n’avait pas respecté avant d’être radiée du registre soient respectées.</p> <p>La juridiction peut donner les instructions ou rendre les ordonnances qui peuvent être nécessaires ou souhaitables aux fins de placer la société autant que possible dans la même situation qu’elle aurait été si la société n’avait pas été rayée du registre.</p> <p>Toutefois, aucune société ne peut être rétablie lorsque dix (10) ans se sont écoulés depuis sa radiation ».</p> <p><u>Article 19:</u> Défaut de tenir les documents et de les mettre à jour</p> <p>L’article 326 de la Loi n° 007/2021 du 05/02/2021 régissant les sociétés commerciales est modifié comme suit:</p> <p>«<u>Article 326:</u> Défaut de tenir les documents et de les mettre à jour</p> <p>Une société qui ne tient pas les documents ou ne les met pas à jour comme prévu par la présente loi commet une faute et est passible d’une amende administrative d’au moins cinq cent mille francs rwandais</p>
---	--	---

Official Gazette n° Special Bis of 30/03/2023

<p>y'ibihumbi magana atanu (500.000 FRW) ariko atarenze miliyoni ebyiri (2.000.000 FRW) ».</p> <p><u>Ingingo ya 20:</u> Kudashyikiriza cyangwa gukererwa gushyikiriza Umwanditsi Mukuru inyandiko</p> <p>Ingingo ya 327 y'Itegeko n° 007/2021 ryo ku wa 05/02/2021 rigenga amasosiyete y'ubucuruzi ihinduwe ku buryo bukurikira:</p> <p>«<u>Ingingo ya 327:</u> Kudashyikiriza cyangwa gukererwa gushyiriza Umwanditsi Mukuru inyandiko</p> <p>Isosiyete idashyikiriza cyangwa ikererwa gushyikiriza Umwanditsi Mukuru amakuru yuzuye, y'ukuri kandi ajyanye n'igihe cyangwa inyandiko biteganywa n'iri tegeko iba ikoze ikosa, ihanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ingana n'amafaranga y'u Rwanda atari muni y'ibihumbi magana abiri (200.000 FRW) ariko atarenze ibibumbi magana atanu (500.000 FRW) ».</p> <p><u>Ingingo ya 21:</u> Gutanga amakuru ku migabane atari ukuri cyangwa ayobya</p> <p>Ingingo ya 352 y'Itegeko n° 007/2021 ryo ku</p>	<p>500,000) and not more than two million Rwandan francs (FRW 2,000,000)".</p> <p><u>Article 20:</u> Failure to provide or delay providing the Registrar General with documents</p> <p>Article 327 of Law n° 007/2021 of 05/02/2021 governing companies is amended as follows:</p> <p>“<u>Article 327:</u> Failure to provide or delay providing the Registrar General with documents</p> <p>A company which fails or delays to provide the Registrar General with complete, accurate or updated information or documents that are required by this Law commits a fault and is liable to an administrative fine of not less than two hundred thousand Rwandan francs (FRW 200,000) and not more than five hundred thousand Rwandan francs (FRW 500,000) ”.</p> <p><u>Article 21:</u> Disclosing false or deceitful information on shares</p> <p>Article 352 of Law n° 007/2021 of</p>	<p>(500. 000 FRW) mais n'excédant pas deux millions de francs rwandais (2.000.000 FRW) ».</p> <p><u>Article 20:</u> Défaut de fournir les documents ou de les fournir en retard au Registraire général</p> <p>L'article 327 de la Loi n° 007/2021 du 05/02/2021 régissant les sociétés commerciales est modifié comme suit:</p> <p>«<u>Article 327:</u> Défaut de fournir les documents ou de les fournir en retard au Registraire général</p> <p>Une société qui ne transmet pas au Registraire général ou ne transmet pas à temps les informations complètes, exactes ou mises à jour ou les documents prévus par la présente loi commet une faute et est passible d'une amende administrative d'au moins deux cent mille francs rwandais (200.000 FRW) mais n'excédant pas cinq cent mille francs rwandais (500.000 FRW) ».</p> <p><u>Article 21 :</u> Divulgence de fausses informations ou trompeuses sur les actions</p> <p>L'article 352 de la Loi n° 007/2021 du</p>
---	--	---

Official Gazette n° Special Bis of 30/03/2023

<p>wa 05/02/2021 rigenga amasosiyete y'ubucuruzi ihinduwe ku buryo bukurikira:</p> <p>«<u>Ingingo ya 352</u>: Gutanga amakuru ku migabane atari ukuri cyangwa ayobya</p> <p>Umunyamuryango cyangwa umunyamigabane w'isosiyete usabwe amakuru ku migabane afite mu isosiyete, agatanga amakuru atari ukuri cyangwa ayobya agamije guhisha ukuri kuri nyir'imigabane cyangwa ugenewe inyungu ku migabane, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari muni y'imyaka itatu (3) ariko kitarenze imyaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari muni ya miliyoni eshanu (5.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni icumi (10.000.000 FRW) ».</p> <p><u>Ingingo ya 22</u>: Gushyiraho imirongo ngenderwaho cyangwa amabwiriza byerekeranye n'ugenewe inyungu ku migabane</p> <p>Itegeko n° 007/2021 ryo ku wa 05/02/2021 rigenga amasosiyete y'ubucuruzi ryongewemo ingingo ya 354 bis yanditswe ku buryo bukurikira:</p>	<p>05/02/2021 governing companies is amended as follows:</p> <p>“<u>Article 352</u>: Disclosing false or deceitful information on shares</p> <p>A member or a shareholder of a company required to disclose the information on shares held in a company and discloses false or deceitful information on shareholding or beneficial ownership, commits an offence. Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of not less than three (3) years and not exceeding five (5) years and a fine of not less than five million Rwandan francs (FRW 5,000,000) but not exceeding ten million Rwandan francs (FRW 10,000,000) ”.</p> <p><u>Article 22</u>: Issuance of guidelines or instructions regarding a beneficial owner</p> <p>In Law n° 007/2021 of 05/02/2021 governing companies, there is inserted Article 354 bis worded as follows:</p>	<p>05/02/2021 régissant les sociétés commerciales est modifié comme suit :</p> <p>«<u>Article 352</u> : Divulgence de fausses informations ou trompeuses sur les actions</p> <p>Un membre ou un actionnaire d'une société tenu de dévoiler les informations sur les actions détenues dans une société et donne de fausses informations ou trompeuses sur l'actionnariat ou la propriété effective, commet une infraction. Lorsqu'il en est reconnu coupable, il est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins trois (3) ans mais n'excédant pas cinq (5) ans et d'une amende d'au moins cinq millions de francs rwandais (5.000.000 FRW) mais n'excédant pas dix millions de francs rwandais (10.000.000 FRW) ».</p> <p><u>Article 22</u>: Mise en place des directives ou instructions concernant le bénéficiaire effectif</p> <p>Dans la Loi n° 007/2021 du 05/02/2021 régissant les sociétés commerciales, il est inséré l'article 354 bis libellé comme suit:</p>
--	--	--

<p>«Ingingo ya 354 bis: Gushyiraho imirongo ngenderwaho cyangwa amabwiriza byerekeranye n’ugenewe inyungu ku migabane</p> <p>Umwanditsi Mukuru ashobora gushyiraho imirongo ngenderwaho cyangwa amabwiriza asobanura mu rwego rwo kubahiriza ingingo z’iri tegeko zerekeranye n’ugenewe inyungu ku migabane ».</p> <p><u>Ingingo ya 23: Itegurwa, isuzumwa n’itorwa by’iri tegeko</u></p> <p>Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw’Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw’Ikinyarwanda.</p> <p><u>Ingingo ya 24: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa</u></p> <p>Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y’u Rwanda.</p>	<p>“<u>Article 354 bis: Issuance of guidelines or instructions regarding a beneficial owner</u></p> <p>The Registrar General may issue guidelines or instructions on the implementation of the provisions of this Law regarding a beneficial owner ”.</p> <p><u>Article 23: Drafting, consideration and adoption of this Law</u></p> <p>This Law was drafted in English, considered and adopted in Ikinyarwanda.</p> <p><u>Article 24: Commencement</u></p> <p>This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.</p>	<p>«<u>Article 354 bis: Mise en place des directives concernant le bénéficiaire effectif</u></p> <p>Le Registraire général peut émettre des directives ou des instructions sur la mise en œuvre des dispositions de la présente loi concernant le bénéficiaire effectif ».</p> <p><u>Article 23: Initiation, examen et adoption de la présente loi</u></p> <p>La présente loi a été initiée en anglais, examinée et adoptée en Ikinyarwanda.</p> <p><u>Article 24: Entrée en vigueur</u></p> <p>La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.</p>
--	---	---

Official Gazette n° Special Bis of 30/03/2023

Kigali, 30/03/2023

(sé)

KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika
President of the Republic
Président de la République

(sé)

Dr NGIRENTE Edouard
Minisitiri w'Intebe
Prime Minister
Premier Ministre

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:
Seen and sealed with the Seal of the Republic:
Vu et scellé du Sceau de la République:**

(sé)

Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel
Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux